KWAKIRA MUSENYERI ANACLET MWUMVANEZA MURI DIYOSEZI YA NYUNDO

Ku wa mbere tariki 25/04/2016, Abasaseridoti, Abihayimana n'imbaga y'abakristu bari babukereye baje kwakira Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA watorewe kuyobora Diyosezi ya Nyundo tariki 11/03/2016. Baje kumusanganira ku kiraro cya Sebeya, barangajwe imbere na Fanfare ya Seminari Nto ya Nyundo, Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, abari bamuherekeje n'abandi bose bazamutse bagana kuri Kiliziya ya Paruwasi Katedrale ya Nyundo ahagana mu ma saa saba n'igice, bagendaga banyura hagati mu mirongo ibiri yari yakozwe n'abanyeshuri ari nako bamwakirana urufaya rw'amashyi.

Bageze imbere ya Katedrale ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yaje kubasanganira arabaramutsa. Bamaze kwinjira muri Kiliziya, abo bepiskopi bombi babanje kunamira imva ya Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI n'iya Musenyeri Wenceslas KALIBUSHI bashyinguye aho maze hakurikiraho isengesho ryo gushengerera Isakaramentu Ritagatifu.

Nyuma y’isengesho Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, yabwiye abari aho ko yashimiye Imana kuba Diyosezi ya Nyundo yarahise ihabwa Umwepiskopi nta gihe kinyuzemo ; arashimira Imana ko yihitiyemo Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA ikamutoranya mu bandi bapadiri bose bo mu Rwanda. Diyosezi ya Nyundo imaze imyaka 64, akaba aje asimbuye abepiskopi 4. Yagize ati « Kuba unsimbuye nkiriho biranshimishije ». Yasabye umwepiskopi mushya kuzaba ikiraro mbese akaba umuhuza w’abantu muri Diyosezi ya Nyundo, agafata ikiraro cya Sebeya baje kumwakiriraho nk’ikimenyetso gikomeye kuko ikiraro gihuza abantu. Yanamusabye kandi kuzaba hafi y’urubyiruko kuko ari rwinshi kandi mu butumwa bwe akaziragiza Bikira Mariya Umubyeyi w’Abakene waragijwe Diyosezi ya Nyundo.

Nyuma y’iryo jambo, Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yashimiye abari aho bose avuga ko ibyishimo afite atabona uko abivuga. Yagaragaje ko intego yafashe y’o kuba Abanyampuhwe nka Data uri mu Ijuru, yifuzaga ko waba umurongo ngenderwaho muri Diyosezi ya Nyundo kuko yifuza ko uyu mwaka w’Impuhwe z’Imana ari na wo atorewemo kuba Umwepiskopi, waba ikimenyetso gikomeye muri Diyosezi ya Nyundo. Yavuze ko mu minsi mike, Musenyeri Alexis HABIYAMBERE bazajya bamwita « umubyeyi » wa Diyosezi ya Nyundo.

Nyuma hakurikiyeho kwakira abashyitsi, mu cyumba mberabyombi cya Centre Pastorale Saint Jean Paul II. Habayeho gusangira no kuganira n’abashyitsi bari baje baherekeje Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, barimo abapadiri ba Arikidiyosezi ya Kigali, abakozi ba Caritas Rwanda, inshuti na bamwe mu bagize umuryango wa Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA.

Uhagarariye abasaseridoti ba Arikidiyosezi ya Kigali, ndetse akaba yanaje mu kigwi cya Arikiyeskopi wa Kigali utabashije kuboneka, yabwiye abari aho ko ashimira Imana yatoye Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA ngo abe Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, Arikidiyosezi ya Kigali yari imufite nk’Umusaseridoti w’intangarugero, abera abandi basaseridoti umujyanama n’abakristu yagiye atumwaho akaba yarabafashije byinshi. Yashimiye uko Diyosezi ya Nyundo yabakiriye, anavuga ko Arikidiyosezi ya Kigali igiranye igihango na Diyosezi ya Nyundo. Arahamya ko n’ubwo Musenyeri Anaclet ahawe ubutumwa bukomeye bwo kuba umushumba wa Diyosezi, akicara ku ntebe ya Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI, ko Imana yamutoye izanamukomeza mu butumwa imuhaye. Yamwijeje ko bazakomeza kumusabira ; amwifuriza kuzagira ubutumwa bwiza no kuzakomeza kurangwa n’Impuhwe z’Imana aba umuhamya wazo.

Honorable Kalisa uhagarariye umuryango wa Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, arashimira Imana yamutoye ikamugira umusaseridoti, n'ubwo mu mibereho ye yanyuze mu ngorane nyinshi, yakuze akunda Imana na yo imugirira impuhwe none aho abereye Umushumba, izo mpuhwe azigize intego ye. No mu mibereho ye, yaranzwe n'impuhwe, ubutwari, kutiganda ku murimo, gukunda no gufasha imfubyi n'abapfakazi. Mu izina ry'umuryango n'inshuti baramwifuriza kuzarangiza neza inshingano Imana yamutoreye.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA